

# Gitagangurirwa w'umunebwe

Epimaque Niyibizi

Wiehan de Jager


Kinyarwanda

African Storybook.org



Gitagangurirwa ni umunebwe.


Akunda ibiryo, ariko akagira ubunebwe bwo kubiteka.



Gitagangurirwa yasuye Rukwavu amusaba ko basangira imboga.

Rukwavu ati: "Yego. Ngaho ba umfasha kugaragura imboga."

Ariko Gitagangurirwa ni umunebwe.



Gitagangurirwa aravuga ati: "Ndaza kugaruka mu mwanya."

Gitagangurirwa azirika ubudodo ku kaguru ke, abuzirika no ku nkono ya Rukwavu.

Gitagangurirwa abwira Rukwavu ati: "Nubonaimboga zihiye ukururure ubu budodo."



Abwira Nkende ati: "Mbe Nkende, mwareka tugasangira ibishyimbo byanyu?"

Nkende ati: "Yego. Dufashe kwasa inkwi."

Gitagangurirwa ati: "Ndaza kugaruka." Azirikaho ubundi budodo.




Abwira Satura ati:" Wareka tugasangira ibirayi byawe?" Na we ati: "Yego. Mfasha kubiteka."

Gitagangurirwa ati: "Ndaza kugaruka." Na ho azirikaho ubundi budodo.



Bityo rero, ku maguru 8 yose ya Gitagangurirwa, hari haziritseho inkono runaka.

Gitagangurirwa yumva akaguru ke ka 2 baragakuruye. Hakurikiraho aka 3.



Amaguru yose ukoari 8 barayakurura!

Gitagangurirwa atangira kuvuza induru ati: "Mureke kunkurura."



Nta n'umwe wumvaga induru ya Gitagangurirwa. Bwa budodo bugenda bucika kamwe-kamwe. Nuko amaguru ya Gitagangurirwa arakururuka aba maremare.

Nguko uko ibitagangurirwa byatangiye kugira amaguru maremare.

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

Gitagangurirwa w'umunebwe

Umwanditsi -- Umugani wa Gana
Cyahinduwe -- Igitabo Nyafurika na Jane Taylor
Icyitegererezo -- Wiehan de Jager
Ururimi -- Ikinyarwanda
Urwego -- Paragarafu yambere

© African Storybook Initiative 2014
Creative Commons: Attribution 4.0
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0
Inkomoko www.africanstorybook.org

2023.12.29